REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°33/2018: **Taliki ya 1–30 Ugushyingo 2018**

Ryoherejwe kuwa 2 Ukuboza 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Ugushyingo 2018; cyagaragaje imvura nkeya ku yari isanzwe iboneka muri uku kwezi uretse mu majyepfo y'Intara y'Uburasirazuba habonetse imvura nyinshi mu gice cya mbere cy'uku kwezi (taliki 01-10) bigatuma igiteranyo cy'imvura yahabonetse kiba kinini byisumbuyeho
- Imvura yaguye mu gice cya kabiri (ma taliki ya 11-20) Ugushyingo 2018 yabaye nkeya ugereranyije n'iyabonetse mu gice mbere (taliki 01-10) ndetse n'icya gatatu (taliki 21-30); akaba ari nayo mpamvu tubona mu gice cya kabiri ubutaka henshi mu gihugu budahehereye cyane nkuko mu gice cya mbere n'icya gatatu Ugushyingo_2018 bigaragara
- **Ukwezi kwa Ukuboza_2018;** hateganyijwe imvura hose mu Rwanda ndetse ikazaba nyinshi mu **bice byegereye Ishyamba rya Nyungwe ndetse no mu Birunga**

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Ugushyingo 2018; cyagaragaje imvura nkeya ku yari isanzwe iboneka muri uku kwezi uretse mu Ntara y'Uburasirazuba cyane cyane mu majyepfo y'iyi Ntara habonetse imvura nyinshi mu gice cya mbere cy'uku kwezi (taliki 01-10) bigatuma igiteranyo cy'imvura yahabonetse kiba kinini byisumbuyeho

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Ugushyingo_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Ugushyingo_2018	Ugushyingo
Kigali (Kanombe)	74.6	122.8
Rusizi (Kamembe)	138.4	178.1
Rubavu (Gisenyi)	103.2	145.6
Nyamagabe (Gikongoro)	80.0	128.6
Ngoma (Kibungo)	164.5	130.6
Gicumbi (Byumba)	92.9	125.5
Busogo	115.7	181.5
Bugarama	97.9	152.9
Musanze (Ruhengeri)	67.1	153.3
Gitega	103.5	116.9
Rubengera	76.6	111.0
Byimana	55.2	129.5
Kawangire	156.6	147.7
Nyagatare	124.6	93.5

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1(Ikigereranyo)

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Ugushyingo_2018; n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye muri Ukwakira_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Ugushyingo_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Ugushyingo



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Ukwakira_2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukwakira



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Ugushyingo_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Ugushyingo 2018; cyagaragaje imvura nkeya ku yari isanzwe iboneka muri uku kwezi uretse mu Ntara y'Uburasirazuba cyane cyane mu majyepfo y'iyi Ntara habonetse imvura nyinshi mu gice cya mbere cy'uku kwezi (taliki 01-10) bigatuma igiteranyo cy'imvura yahabonetse kiba kinini byisumbuyeho (aho ku bupimiro bwa Ngoma ariho habonetse imvura nyinshi mu kwezi kose ingana na mm164.5; reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**). Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Ukwakira 2018; cyagaragaje imvura ihagije yabonetse hose uretse; bitandukanye cyane n'ibyo twabonye mu Ugushyingo_2018; kuko mu majyepfo y'Uburasirazuba ariho habonetse imvura nke hose mu gihugu ndetse ikaba ari na nkeya ugereranyije n'imvura isanzwe ihagwa muri uko kwezi (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Ugushyingo 2018 igice cya mbere Ikarita6: Ugushyingo 2018 igice cya kabiri Ikarita7: Ugushyingo 2018 igice cya gatatu

Mu kwezi k'Ugushyingo_2018; amafoto y'icyogajuru yerekana ihindagurika ry'ubuhehere kubera imvura yabonetse mu gice cya mbere n'icya gatatu yabaye nyinshi ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya kabiri; nubwo hagaragara ukugabanuka no kwiyongera muri kwezi k'Ugushyingo_2018; ubutaka buracyafite ubuhehere bubereye ibihingwa byinshi (**Ikarita 5, 6&7;** zirerekana ibice bya Ugushyingo; icya mbere; icya kabiri ndetse n'icya gatatu uko bikurikirana)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kw' Ukuboza_2018

Ibihe by'imvura bizakomeza kwiganza muri uku kwezi kw' Ukuboza_2018; aho biteganijwe ko imvura izaboneka hose mu Rwanda ndetse ikazaba nyinshi mu bice byegereye Ishyamba rya Nyungwe ndetse no mu Birunga

- **Umujyi wa Kigali**: hateganijwe kuzaboneka imvura iri ku gipimo kiri hagati ya mm30 na mm80 mu byumweru bibiri bya mbere by'Ukuboza_2018
- **Intara y'Uburasirazuba**: hateganijwe kuzaboneka imvura iri ku gipimo kiri hagati ya mm30 na mm80 mu byumweru bibiri bya mbere by'Ukuboza_2018
- **Intara y'Amajyepfo**: hateganijwe kuzaboneka imvura iri ku gipimo kiri hagati ya mm25 na mm100 mu byumweru bibiri bya mbere by'Ukuboza_2018
- **Intara y'Uburengerazuba**: hateganijwe kuzaboneka imvura iri ku gipimo kiri hagati ya mm60 na mm100 mu byumweru bibiri bya mbere by'Ukuboza_2018
- **Intara y'Amajyaruguru**: hateganijwe kuzaboneka imvura iri ku gipimo kiri hagati ya mm25 na mm100 mu byumweru bibiri bya mbere by'Ukuboza_2018

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Ukuboza_2018:



Ikarita7: Ukuboza.2018 icyumweru cya mbere (1-7) Ikarita8: Ukuboza.2018 icyumweru cya mbere (8-14)

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)